chefferie
Kibali
Buberuka

# Inama

Ruhengeri
12600

Mulambi 15.3.58

Irasabibi:

1/ Ibiti bya kartusi byatewe kera mu milima myiza, kubivanamo, ibito bikubakishwa, ibini bigashyirwa kumuhanda, bikagurw'amafranga akajya mw'isanduku y'igihugu.

2/ Inyumbati yatewe 1944 igiye gupfu. busa ikwiye guhingwa.

3/ Inzu y'ibambiro y'i Buberuka igiye kugwa vubaha, twayubaka tukaguman'amazina yabakozi bakazahembw'amafranga abonetse?

4/ Kubyerekey'amahane aterwa no gusinda inama ibonyeko: Abakuru b'imiryango, ab'inama za sous-chefferie bazajya bagenzura, abatereka bikabije, n'abasinzi, bakerekanwa mu nama ya sous-chefferie, ako kamenyero bakongera, bakaregwa mu Rukiko rwa chefferie.

5/ Hariko sous-chef bahemba, kandi n'abakaradange ubuhetwa, hariko quittance zatinze, inama irasaba ko bakwenda amafranga, bakandika abayatanze, bakazabaha quittance zibonetse, ubundi abenshi bahagaritse imilimo yabo.

b/ Sibyiza kwemera kwari abantu kumusozi wehej adakari, kuko iyo baje batabimumenyesha bigumma iwabo.

Abari muriyi nama: Kalima, Nkeradiye, Sekanyambo, Kimonyi na Buganuma

Mitwe [illegible]

# Province Mulera

Inama y'ukwezi kwa Mars 1948.

1/ Twagiy'inama yo kubgiriza abantu bacu korori inkoko cyane no kubabgira ko zibafitiye akamaro; arukugirango bakabona amafranga cyanga kubatunga baziryal.

2/ Twagiy'inama yo kubgiriza abantu bacu kudatunga inka zidafite akamaro; n'ingumba imberen, incura n'ibimasa bitazaba imfizi izo zose nt'akamaro zibafitiye; ahubgo zirya ubgatsi bg'inziza, ndetse zigapfa ntibagiboneho ikiguzi.

Chefferie BUKONJA.

INAMA JA CHEFFERIE.

Jabaye ku munsi wa 24-5-48.

Nibyifuzo igihugu Gyabazago Bwana L'Administrateur

I ABALIBAYIRIMO NABA:

1) Bwana L'Administrateur Territorial.

2) Umutwale BISALINKUMI-C.

3) Ibisonga (sous-chefs) { GUMIRA. GAKWANDI RWAMAHUNGU.

4) Abajyanama Nugemanshuro
Byakunda
Maloko
Semivumbi
Ndabalonye.

5) Umukarani wayo BISUMBUKUBOKO-C.

II IBYAVUZWE MULIYO NAMA.

a) Iyo nama Jasabye Bwana L'Administrateur Territorial kubemerera kugira Serumara mu-gihugu (Chefferie Jabo) iyo Serumara ikazubakwa n'Abatwale ku-mafranga Jabo; bakagura n'Ibyuma bikora muliyo Serumara

Iyo serumara izatugirira nezo kubintu bibili:
1) Abana-barangiz'amashuri badafit'indi shuri bimukiramo; kandi ntibabone n'imilimo.
2) Gufash'igihugu ku-mbaho z'Imilyango Inzugi amadrisha Utubati n'ibindi by'ibibazwa.
Bwana L'Administrateur alabyemeye kandi alabishimye kuko n'abo tuzashyiramo nibamara gukamera bagwij'amapango bazatugururira ayacu serumara ikal'iyabo bgite ntibule ubucuruzi bg'Abatwala Igihugu..

III UBURYO BGO KUBON'IMBAHO NYINSHI KANDI NZIZA.
Gutaba KARITUSI nkuru zikomeye-
Iyo batabye Karitusi ikamar'amezi 6 cyangwase Umwaka: Iyo-bayibaje ntisaduka kandi igira ibara ryiza nk'iry'ibiti byiza by'ishyamba.
Byabonetse kenshi muli za Mission
Bwana L'Administrateur yifuje-ko tuzalimwereka Cyane cyane imbaho zayo.

IV GUTER'IBITI KW'ABANTU BO MULI Chefferie:
Nibyiza ubgo twatekeleje guter'abantu ibiti; ahakwiye hatonon'imilima; alik'ubu ntibyagenze nego ni byo inama yihitiyemo yuko ubu mu-kwezi kwa

Juillet 1948 Buli-munt'azagira umugende muto akabibamo Karitusi (umurama) maze kero akazabon'ingemwe muli Octobre 1948; agatera afite umwete kuko atabuz'ingemwe.
Bwana L'Administrateur Territorial avuze ko naw'azadufasha ku-murama (imbuto zo karitusi) akazadusabiro Bwana Agronome Lens.
Atubgira kandi-ko ibiti byiza dusanganywe IMISAVE n'IMIZIBAZIBA dukwiye kubikemura aliko kubifata neza ntitubyonone kuko bàzatugirir'akamaro kumbaho.

V IBYA HERUTS'INAMA.

Bwana L'Administrateur Territorial yatuvunguliye inama yuko abana b'abantu benshi batabuhagiro ngo babafate neza. ISABUNE AMAZI biligoye umubyeyi wese yabibona. (Twashimiye Bwana Administrateur Cyane).

IBYASABGE BWANA L'Administrateur.

1) IVURIRO Iwacu hal'indwara nyinshi kandi tuli kule ya Hôpital; Kuli shyiro kandi birarushanije bagur'imiti har'umugezi munini (Nukungwa), amacumbi-ntayo amafrango ni menshi

batango kumiti.

Bwana L'Administrateur ashubije k'ubu ngubu bitashoboka aliko Juko muli 1950 bazatangira ivuriro by'i GATONDE.

Inama ilangiy' Umwamunsi 24-Mai 1948

Murashimiro Bwana L'Administrateur kuli-byose nokwifatanya natwe muby'igihugu.

Abanyanama jo Chefferie

BUKONYA.

Chefferie BUKONYA.

No 17

# Inama yabaye 13-3-48 i Gatonde.

1) Indwara zikunda kubaho kenshi bitewe no kunywa amazi mabi.
Iko inama yifuza kugirir' abantu akamaro nuko:
a) Gufukura neza amariba meza (y'amazi meza).
b) Kubakish' amatafari ahiye (gukora Canon)
c) Buli sous-chef wese akagira iliba lyiza
2) Abantu be bose amazi yo kunywa bakajya avoma aho.
Cyane-cyane no mugihe maciny' iteye byabafasha
3) sous-chef bemeye kuzashak' amatafari bakihembera abafundi (N' Umutwale yemeye kuzabibakolera).
Icyo twifuza kuli Bwana L'Administrateur
Nukudushakira imifuko bishobotse nko 15 ya Ciment

Ibanetse twatang' amafranga (s'abantu bose bayatanga ni sous-chefs n'Umutwale gusa) abandi mugufasha gukora mulyo kubumba gusa (amatafari)

Ciment nitaboneka tuzageragez' ISHWAGARA.

Rutahe Bwana L'Administrateur.

Imana Ja Chefferie Bukonyo

Umwandi tai

Umutwale BISALINKUMI-CANISI

[signature]

Inama yo Chefferie : Buhoma-Rwankeri.
Yabaye le 17-3-48.

---

1°) Gushaka Amalila meza yo kuvomamo - Ubwo umuti likabanza gukorwa hafi y'Inkambi za Leta ; abahatuye bakahavoma.

---

2°) Kubera Ibiraya byinshi biri ku misozi y'Ibisonga bimwe na bimwe. Inama irifuza kubona aho baligura igiciro cyiza ntibilibapfire ubusa -

---

3°) Kubera Abana benshi basohoka mu Mashuli bakabura Umulimo : Inama yemeje ko bazashaka abantu bazi Neza Inyuga ; nko Kubāza cyangwa Abashaka Kubumbish Amatafari . Abo bantu bagabangira Umulimo wabo , kandi bakigisha Abandi (nk' abo bana basohoka mu Mashuli)

Niba badafite Ibikoresho bihagije . Inama igamba kubigira Igihugu bakabaguliza Amafranga, hanyuma bakazabishyura Amafranga yabo (Ibisonga cyangwa Abandi Bakuru bo mu Gihugu).

4°) Abantu benshi bihingiye Itali ryabo , bagombe kubona agapapuro k'Igisonga ko bimukiye mu yandi Na Territoire ku ali Tali rye bwite

Hanyuma agapapuro ko sous-chef akakapyana ku Bureau, kugirango yemelerwa kujya kuligura ahandi kadakiba ku alicuruza -

---

Abapyanama bali muliyo nama.
Rumyaklanya - Nyaka - Rudakenga na Serucaca
Abapyanama -
Ruvugayimikore - Bubwatwa - Kalemera - Gasasira na Uzamuje = Nirsanga
N: Umutwale = Rwalusimd.

Rwalusimd -

Kwa Bwana L. Administrateur Territorial

Wa

Ruhengeri

Ndabaramutsa

Ndabamenyesha Inama zabaye muli za Chefferie

zase za Prov. Bukamba Ndorwa

Izyo ingabo zacu zifuza

1°/ Prov: Bukamba Balifuza kubona Amazi kuko

Ntamugezi bagira ngo muvagelageza kuwashaka

Waburo mukabashakira Ibitega bikoreshejwe

Dongo-Bulayi (Ciment) nkuko mubihugu

byo mu Bgongeleza babikoreye ibihugu bitagir'Amazi

2°/ Province Ndorwa Balifuza Umuhoma (Infirmier)

akajya abavurira i Rumaba hagati ya Ndorwa

Nabukunzi ngo kiro bananiza cyane

a/ Izyo Umugabo arwaye Umugore amujyana muli Dispensaire

Gitare baba bafite abana bagasigara badafite

icyibafasha (Ubagaburira) Kandi nabagiye

kuivuza ntibabone ubagemurira ibyo barya

b/ Nabana iyo barwaye muko barwazwa nu Mugore (nyina

se wabo ya gemula bakaburo Usigara mulugo

Inama bavuze nizo

Dutahe cyane, Kagogo le 29/4/48 / BISAMAZA Umutwale [signature]

Chefferie du Bukambia Ndorwa.

Inama yabaye le 31- Mars 1948 · Inama rusange.

Ugyambere; Ibibonobono bihungukira hasi:
abantu bakunda amafranga aliko ibiyabyara ntibabyiteho
· 1º Ibibonobono bifite akamaro kaduha amafranga.
2º Bilimeza ntaho byanga kandi birela ntibirumba
3º Ibitabgo byangwa n'Abacuruzi
Uuko lero ntawagira ngo ayo mafranga apfe ubusa; keleka uwanga i Gihugu

a/ Abatware n'Abakuru binama n'Ibirongozi na Rubanda baje hano mu nama, bagerageze kubgira bene wabo bose yuko batangira ubu kujya basarura i Bibonobono ntibipfe ubusa (nukujugunya amafranga menchi)

Uuko bababgire bajye baligulira ka Shun cyangwa mubandi bacuruzi

b/ Iya kabiri (2) Imisalane
a/ Imisalane kw'isoko kugira ngo bekujya bajya kugasozi
b/ idem ku Rukiko idem
c/ ~~Buli Km 5 munzira hajye haba umusalane wabagenzi~~

Inama iguye n'Abatware n'abajyanama bib'Ibisonga n'Ibirongozi na Rubanda bake bizatangirwa mu kwezi kwa Avrili 1948 Itariki 15

Ntiwale [signature]

RUANDA
Uganda Inama yukwezi kwa Février 1948

Guhig'ingurube

Umutware Bisamaza n'Ibisonga bye 4 n'Umutware Rukeribuga n'Ibisonga bye 2.

1/ Babonye ko Ingurube zona cyane, imyaka y'abantu bose batuye bugufi y'Umupaka.

2/ Baleba kandi ishyamba liri hagati y'ibihugu byabo. Haliho itegeko muli Leta y'Ababirigi niya Bongeleza ryo guhiga ingurube.

Dore Inama bagiye:

1º Buli wa kane (4) Ibisonga bizajya bijya gucisha imikero aho Rubanda bazajya bategera ingurube.

2º Umutware Bisamaza, na Omtwale Rukeribuga bazajya ba hahulira ku wa kane (4) keleka bafite imilimo yo kugenda mu Bihugu kuleba indi Milimo.

º Abafasha bashyizeho nàba: 1/ s/chef Rugerinyange
2/ s/chef Kabango

Abibuganda naba: 1/ s/chef Gicamwa
2/ s/chef Rwandusya

Abo batware uko ali 4 nibo bazajya baleba yuko abahigi bakoneka bose.

Nyagasozi le 23-2-1948.